# IMYANZURO YA KOMITE NYAFURIKA Y'IMPUGUKE KU BURENGANZIRA N'IMIBEREHO MYIZA Y'UMWANA YAHAWE LETA Y'U RWANDA NYUMA Y'ITANGWA RYA RAPORO NGARUKAGIHE YA KABIRI KU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'AMASEZERANO NYAFURIKA KU BURENGANZIRA N'IMIBEREHO MYIZA Y'UMWANA

*(Nzeri 2019)*

## IJAMBO RY'IBANZE:



Basomyi b'aka gatabo abana by'umwihariko, Turabaramukije kandi tubifurije Umwaka mushya Muhire wa 2020.

Coalition Umwana ku Isonga, ni Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta, ryashinzwe mu mwaka wa 2010; rishyirwaho mu rwego rwo gukora ubuvugizi ku nzego zibishinzwe ku bibazo bibangamira uburenganzira bw'umwana mu Rwanda.

Ibi bigakorwa hashingiwe ku biteganywa mu Masezerano Mpuzamahanga y'Uburenganzira bw'Umwana n'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana, yashyizweho umukono ndetse anemezwa na Leta y'u Rwanda. Coalition Umwana ku Isonga ifite icyicaro mu mujyi wa Kigali, Akarere ka Gasabo, Umurenge wa Remera, Akagari ka Rukiri II.

Coalition Umwana ku Isonga ifite intego n'icyerekezo cyo gukora ubuvugizi , bishimangira ko abana bose, abahungu n'abakobwa babaho mu mudendezo, aho uburenganzira n'inshingano byabo byubahirizwa nta nkomyi bazira ivangura iryo ari ryo ryose. Ibi bigashingira kandi ku guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana hakoreshejwe ubuvugizi bukorewe hamwe, bikorwa kandi binyuze mu buryo bunyuranye, burimo no gufasha abana n'abantu bakuru b'ingeri zitandukanye kumenya ibiteganywa muri aya masezerano yavuzwe hejuru.

Ni muri urwo rwego, Coalition Umwana ku Isonga, by' umwihariko ishingiye ku biteganywa mu Masezerano Nyafurika k'Uburenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana, cyane cyane mu ngingo yayo ya 43, ateganya ko buri gihugu cyayemeje, gitanga raporo kuri Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana, ikubiyemo amakuru y'ibyakozwe mu rwego rwo kuyashyira mu bikorwa.

Bityo kandi Komite yakira na raporo z'abafatanyabikorwa ba Leta bakorera mu gihugu nka Coalition Umwana ku Isonga. Leta y'u Rwanda yatanze raporo yayo iheruka kuri Komite muri Werurwe 2019. Nyuma yo gusuzuma raporo yatanzwe n'igihugu, Komite itanga imyanzuro yayo ikubiyemo ibyifuzo-nama, mu rwego rwo gukomeza kwita no kurengera uburenganzira bw'umwana.

Niyo mpamvu, Coalition Umwana ku Isonga inejejwe no kubagezaho imyanzuro ya Komite, yahawe Leta y'U Rwanda nyuma yo gutanga raporo yayo iheruka kugirango dukomeze ubufatanye buzatuma iyo myanzuro ibasha gushyirwa mu bikorwa. Iyo myanzuro yashyizwe mu rurimi rw'ikinyarwanda ivanywe mu cyongereza na Coalition Umwana ku Isonga.

Mugire Amahoro.

SEKANYANGE Jean Leonard

UMUYOBOZI WA COALITION UMWANA KU ISONGA

..........................................................

## I. IRIBURIRO

1. Komite Nyafurika y'Impuguke ku burenganzira n'imibereho myiza y'umwana (Komite), irashimira Leta y'u Rwanda kuba yaratangiye ku gihe raporo ngarukagihe yayo ya kabiri ku ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Nyafurika ku burenganzira n'imibereho myiza y'umwana, yatanzwe hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 43 y'ayo Masezerano. Komite Nyafurika y'Impuguke ku burenganzira n'imibereho myiza y'umwana yasuzumye raporo ngarukagihe ya kabiri ya Leta y'u Rwanda mu nama yayo isanzwe ya 33 yateranye kuva tariki ya 18 kugeza ku ya 28 Werurwe 2019 i Addis Ababa, muri Ethiopia.

2. Komite irashimira Leta y'u Rwanda kuba yarohereje Intumwa ziyobowe na Dr. Claudine Kanyamanza, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana, bakaba baragiranye ibiganiro byubaka. Ibyo biganiro byafashije Komite gusobanukirwa byimbitse ingamba Leta y'u Rwanda yafashe zijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano ndetse n'imbogamizi ruhura nazo. Nyuma yo gusuzuma byimbitse ibikubiye muri raporo ya Leta y'u Rwanda ndetse n'amakuru yatanzwe mu gihe cy'ibiganiro, Komite yatanze kandi yemeza imyanzuro n'ibyifuzo itekereza ko bizarushaho gufasha mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye mu Masezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana.

## II. IBYAGEZWEHO MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'AMASEZERANO

3. Komite irashimira Leta y'u Rwanda imbaraga yashyize mu gushyira mu bikorwa Amasezerano n'imyanzuro yayo yatanzwe kuri raporo ngarukagihe ya mbere, harimo:

   - Itangwa ku gihe rya raporo ngarukagihe ya kabiri, n'imbaraga Leta y'u Rwanda yashyize mu kubahiriza ibisabwa mu itangwa rya raporo nkuko biteganywa mu ngingo ya 43 y'Amasezerano;

   - Ivugururwa ry'itegeko Nshinga n'andi mategeko harimo Itegeko N° 71/2018 ryo ku wa 31 Kanama 2018 ryerekeye

kurengera umwana rikuraho itegeko N° 54/2011 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera.

- Gusobanura mu buryo bumwe 'umwana' mu bice bitandukanye by'Amasezerano;
- Igipimo cyo hejuru cyo gutanga inkingo z'ibanze nk'urw'iseru;
- Kongera igihe cyo kwandikisha abana bakivuka (mu bitabo by'irangamimerere) cyavuye ku minsi 15 gishyirwa ku minsi 30 no gukuraho ihazabu yacibwaga abakererewe;
- Ishyirwaho ry' Amabwiriza ya Minisitiri w'Uburezi No 001 yo ku wa 10 Gicurasi 2017 abuza gutanga ibihano bibabaza umubiri.

## III. IBIBAZO BYAGARAGAYE N'IMYANZURO YABITANZWEHO

### A. Ingamba rusange z'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iheruka

4. Komite yagaragaje ko imyanzuro yayo y'ubushize yashyizwe ahagaragara ku rubuga nkoranyambaga rwa Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango.

   Nubwo Komite ishima ibyo, iranasaba ko iyi myanzuro yahindurwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda kandi ikamenyekanishwa mu nzego zitandukanye za Guverinoma n'abandi bafatanyabikorwa.

5. Komite yishimiye cyane imbaraga Leta yakoresheje mu kwihutisha gushyira mu bikorwa imyanzuro yayo iganisha mu nzira yo kuvugurura amategeko harimo ivugurura ry'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015; ishyirwaho ry'Itegeko N° 71/2018 ryo ku wa 31 Kanama 2018 ryerekeye kurengera umwana rikuraho Itegeko N° 54/2011 ryerekeranye n'uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera; itangazwa ry'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 8/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe impano n'izungura ryaje rikuraho ivangura mu

mategeko ajyanye n'izungura; n'ishyirwaho ry'Itegeko N° 32 /2016 ryo ku wa 28 /08/2016 rigenga abantu n'umuryango ryemerera abana barengeje imyaka 16 gutanga ibirego no guhagararirwa n'Imiryango itari iya Leta mu nkiko.

Nubwo Komite ishima ivugururwa ry'amategeko, iranashishikariza ko hashyirwamo imbaraga mu gushyira mu bikorwa amategeko yavuguruwe n'andi mashya.

6. Ku bijyanye n'imikorere y'inzego, Komite irashimira Leta y'u Rwanda ko yongereye ingengo y'imari n'abakozi Komisiyo y'Igihugu ishinzwe abana (NCC), ishyirwaho rya Gahunda y'Igihugu y'Imbonezamikurire y'abana bato (NECDP) muri 2017, **n'itangizwa ry'itsinda ry'uburinganire n'umuryango rireba ku bijyanye no kurengera uburenganzira bw'umwana n'iby'imbonezamikurire y'abana bato (ECD).**

Cyakora, harebwe umumaro izi nzego zishobora kugira mu gushyigikira intego za Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana zo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'abana; Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda kuba maso hirindwa ko habaho kugongana mu nshingano kw'izo nzego.

Kubw'ibyo, Komite irasaba Leta y'u Rwanda ko Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana (NCC) ikomeza kwita ku nshingano zayo zo guhuza ibikorwa bijyanye no guteza imbere no kurengera uburenganzira n'imibereho myiza y'abana.

7. Nubwo Komite ishima iyongerwa ry'ingengo y'imari ishyirwa mu bikorwa bijyanye n'uburenganzira bw'umwana, ihangayikishijwe n'uko hakiri icyuho mu ngengo y'imari Leta y'u Rwanda ikwiye kongera by'umwihariko mu gukemura ibibazo byerekeranye n'ubuzima, uburezi, n'izindi serivisi z'ibanze.

By'umwihariko, Komite iragaragaza ko amafaranga agenewe gahunda zijyanye n'imibereho myiza yagabanutse ugereranyije n'uburyo ingengo y'imari y'Igihugu yazamutse.

Kubw'ibyo Komite irasaba Leta y'u Rwanda gukoresha imbaraga zose zishoboka mu gukomeza kongera ingengo y'imari mu bibazo bijyanye n'uburenganzira n'imibereho myiza y'abana biri ku gipimo cya 7.3% cy'umusaruro mbumbe w'imbere mu gihugu (GDP).

8. Komite ishingiye kuri raporo ya Leta y'u Rwanda igaragaza ko ikusanyamakuru ku bushakashatsi ku mibereho n'ubuzima mu Rwanda rizaba muri 2019/2020 ndetse n'ubushakashatsi ku mibereho rusange y'ingo n'uburyo umutungo ukoreshwa buteganijwe.

Kubw'ibyo, Komite irasaba Leta y'u Rwanda gukora ikusanyamakuru nk'uko ryateguwe ndetse ayo makuru n'imibare bikazongerwa muri raporo ngarukagihe itaha. Byongeye kandi, nk'uko byari byarasabwe na Komite y'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Umwana ko hakwiye kujyaho uburyo bwo guhuza imicungire y'amakuru, Komite iragaragaza ko bitarashyirwa mu bikorwa. Bityo, irasaba Leta y'u Rwanda gufata ingamba zifatika zo gushyira mu bikorwa ubwo buryo bw'imicungire y'amakuru.

9. Komite irishimira ko Leta y'u Rwanda yazamuye gato ingengo y'imari igenewe Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ikaba inishimira ubwiyongere bw' imibare y'ibirego byakemuwe n'Urwego Rushinzwe Iyubahirizwa ry'Uburenganzira bw'Umwana rwa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

Cyakora, Komite yongeye gutanga icyifuzo yatanze muri raporo y'ubushize ko umubare munini w'abakozi b'Urwego Rushinzwe Iyubahirizwa ry'Uburenganzira bw'Umwana ugizwe ahanini n'abakorerabushake. Bityo rero, Komite irasaba Leta y'u Rwanda gukomeza kongera ingengo y'imari igenera Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu kugira ngo ishobore kuzuza inshingano zayo mu buryo burambye.

10. Nubwo Komite yishimira ingamba zafashwe na Leta y'u Rwanda mu gushyira imbaraga mu bikorwa byo kurengera uburenganzira bw'umwana, itewe impungenge no gusubira inyuma kw' Igihugu cy'u Rwanda ku gipimo cy'ibihugu bya Afurika mu kwita ku bwisanzure bw'abana, gishyira u Rwanda ku mwanya wa 20 mu 2017, mu

gihe rwari ku mwanya wa 6 mu mwaka wa 2013. Iki ni ikimenyetso kigaragaza ko Leta itateye imbere mu bijyanye no kwita no kurengera uburenganzira bw'umwana.

Kubw'ibyo, Komite irasaba ikomeje Leta y'u Rwanda gukoresha imbaraga zisumbuyeho mu kongera ingengo y'imari n'uburyo bwo kurengera umwana kugira ngo arusheho kwitabwaho, bityo Leta y'u Rwanda isubire ku mwanya yahozeho.

11. Komite ishingiye ku byavuye mu isuzuma rya raporo ya Leta y'u Rwanda, ihangayikishijwe n'uruhare rudahagije rugenerwa imiryango itari iya Leta yita ku burenganzira bw'umwana; bityo irasaba ko Leta y'u Rwanda yashyiraho uburyo bufasha imiryango itari iya Leta ikora mu bijyanye no guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana mu kugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano ndetse n'imyanzuro ya Komite.

12. Byongeye kandi, Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda gukomeza kwizihiza Umunsi w'Umwana w'Umunyafurika no gukora ku buryo abana bawugiramo uruhare by'umwihariko babaha umwanya wo gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatoranijwe n'Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika.

## B. Igisobanuro cy'umwana

13. Komite yagaragaje kandi inashima ko igisobanuro cy'umwana n'imyaka fatizo yo kwemererwa kuba yakora akazi, ubu kuryozwa icyaha ndetse n'imyaka fatizo yo gushyingirwa byahujwe n'ibiteganywa n'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho Myiza y'Umwana ndetse n'andi masezerano mpuzamahanga. Komite irashima ko impungenge yari yagaragaje mu myanzuro yayo iheruka ku kibazo cy'irengayobora (isonerwa) ku myaka fatizo y'ishyingirwa cyari cyagaragajwe, cyasuzumwe kigakurwaho burundu.

## C. Amahame rusange

### *Ukutavangurwa*

14. Komite ishingiye kuri raporo ya Leta y'u Rwanda mu bijyanye no gukemura ibibazo by'ivangura, yagaragaje ko hashyizwe imbaraga nyinshi mu kurengera no kwita ku bana bafite ubumuga. Nubwo ari ibyo kwishimira, Komite iracyafite impungenge ku busumbane bugaragara hagati y'imijyi n'ibyaro mu byerekeranye no kubona serivisi z'ibanze ndetse n'ivangura rikorerwa abana bahejejwe inyuma n'amateka ndetse n'abana batagira kivurira n'abatishoboye nkuko Komite yari yabigaragaje mu myanzuro yayo iheruka. Komite irasaba ko isaranganywa ry'ingengo y'imari ndetse n'imbaraga nyinshi byakwibanda mu kuzamura serivisi mu byaro n'ibindi bice byitaruye aho zitari. Ikigeretse kuri ibyo, imbaraga zikoreshwa mu kurandura ivangura rikorerwa abana harimo n'abafite ubumuga, zigomba kwibanda ku bandi bana bose bakorerwa ivangura, ibyo bigakorwa n'ibyiciro bitandukanye harimo umuryango Nyarwanda n'abikorera ku giti cyabo. Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda kwigisha no gukangurira umuryango Nyarwanda ibijyanye no kutavangura abana bafite ubumuga ndetse n'abandi bana batishoboye.

### *Inyungu z'umwana*

15. Komite irashimira Leta y'u Rwanda ko yitaye ku mwanzuro wayo wo gushyiraho uburyo bwo kwita mbere na mbere ku nyungu z'umwana hitabwa ku bibazo byerekeranye n'uburenganzira bwe muri gahunda z'ibikorwa byayo kandi inatanga amahugurwa ku bacamanza n'abagize Urwego rw'Ubutabera. Komite iranashishikariza Leta y'u Rwanda gukora ku buryo amategeko, za politiki n'amabwiriza bikwiye kugaragaza mu buryo busobanutse uko Ubutegetsi bw'Ubucamanza, Nshingwamategeko na Nyubahirizategeko burengera inyungu z'umwana. Komite iranashishikariza Leta y'u Rwanda gukomeza gutegura amahugurwa no kuyageza ku bacamanza n'abandi benshi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko.

16. Komite yishimira ko Leta y'u Rwanda yashoboye kugabanya impfu zabana, ko yageze ku gipimo cyo hejuru cy'inkingo z'iseru, ndetse ikanatangiza gahunda y'iminsi 1000 ku mirire myiza, kandi yanogeje n'imikorere ya serivisi mu by'ubuzima inongerera ubumenyi ababyaza.

Ikindi kandi, mu myanzuro yayo iheruka n'urutonde rw'ibibazo byohererejwe Leta y'u Rwanda, Komite yibukije ko ikibazo cyo kubona amazi asukuye ari kimwe mu bikwiye kwitabwaho.

Raporo ya Leta y'u Rwanda yagaragaje ko ubushakashatsi bwo mu 2014/2015 ku mibereho rusange y'ingo n'uburyo umutungo ukoreshwa (EICV4), habayeho ubwiyongere bugaragara mu bijyanye no kubona amazi meza mu mijyi no mu byaro. Ariko, Komite ihangayikishijwe n'ukwiyongera kw'igipimo cy'imirire mibi mu bana, aho umwe ku bana batatu bari munsi y'imyaka itanu afite imirire mibi. Nubwo hari intambwe zimaze guterwa, ariko impfu z'abana n'ababyeyi mu gihe cyo kubyara, kimwe no kubona amazi, isuku n'isukura na byo bigomba kwitabwaho.

Komite itewe impungenge no kubona hari imyumvire ikiri hasi mu bijyanye no kugeza abana ku bigo nderabuzima mu gihe barwaye, nk'uko byemezwa n'imibare yatanzwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF); nk'urugero aho usanga abana 28% gusa barwaye impiswi nibo bahawe imyunyu ngugu igabanya umwuma.

17. Komite irasaba Leta y'u Rwanda kongera ingengo y'imari itangwa mu bijyanye n'uburenganzira bwo kubaho, ku buzima, no ku mikurire y'abana; hakarebwa kandi ibikorwa byayo n'ubukangurambaga bigamije kurwanya imirire mibi, ndetse no kwita ku bibazo by'imirire muri gahunda z'ubuhinzi, gukangurira abantu gutegura indyo yuzuye ishobora kuboneka mu byo babona iwabo biboroheye; kugeza inyongeramirire mu duce tugaragaramo imirire mibi; no kongera igipimo cy'ubudahangarwa ku zindi nkingo zigira uruhare rugaragara mu gukumira indwara zihitana abantu benshi.

Leta irashishikarizwa gukwirakwiza amazi asukuye n'ibindi bikorwa remezo by'isuku n'isukura hitabwaho cyane cyane ingo zirimo abana bari munsi y'imyaka 5 cyangwa abagore batwite. Komite irasaba Leta y'u Rwanda gukora ubukangurambaga bugamije kwigisha ababyeyi n'abandi bita ku bana kugana serivisi z'ubuzima mu gihe barwaye ndetse byaba mbere na nyuma yo kubyara.

## *Ibitekerezo by'umwana*

18. Komite irishimira ko Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana iterana buri mwaka kandi ko Komite z'Amahuriro y'Abana zashyizweho mu rwego rwo kugira ngo bahe abana bose harimo abafite ubumuga, n'ab'impunzi uburyo bwo gutanga ibitekerezo byabo. Komite irashima ko ayo mahuriro ahuza abana bahagarariye abandi baba baturutse mu turere twose ndetse n'ibitekerezo batanga muri ayo mahuriro bigashingirwaho mu gufata ibyemezo.

Leta y'u Rwanda ikaba yaratanze zimwe mu ngero z'aho ibitekerezo by'abana byashingiweho mu gihe cyo gufata ibyemezo, nko mu kugena ingengo y'imari izakenerwa mu kugeza amazi meza, amashanyarazi n'uburezi ku baturage, ibi bikaba ari ibyo kwishimirwa.

Komite iranasaba Leta y'u Rwanda kurushaho gushyigikira abana bitabira Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana no gushyigikira komite z'amahuriro yabo kugira ngo bubakirwe ubushobozi mu rwego rwo kubafasha kugira uruhare rufatika mu bibakorerwa.

19. Ku byerekeranye n'uruhare rw'abana mu miburanishirize y'imanza kimwe n'ibindi bibazo bibareba, Komite yagaragaje impungenge z'uko itegeko N° 32/2016 ryo kuwa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ridateganyamo uburyo bwemerera abana kugira uruhare mu birego byemeza uhabwa kurera abana mu gihe cy'ubutane. Komite irasaba Leta y'u Rwanda ko yasubiramo izo ngingo no gukora ku buryo ibitekerezo by'abana byakwitabwaho mu byemezo byose bibareba cyangwa bibagiraho ingaruka.

## D. Uburenganzira mu by'imbonezamubano n'ubwisanzure

***Uburenganzira bwo kugira izina, ubwenegihugu, no kwandikwa mu bitabo by'irangamimerere***

20. Komite irashima ishyirwaho ry'itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango risubiza bimwe mu bibazo byari byagaragajwe mu myanzuro yayo iheruka. By'umwihariko itegeko ryongereye igihe cyo kwandika abana bavutse mu bitabo by'irangamimerere kiva ku minsi 15 igera ku minsi 30, kandi ryakuyeho ihazabu yacibwaga abarengeje igihe cyo kwandikisha abana bavutse mu bitabo by'irangamimerere, nkuko byemejwe na Leta y'u Rwanda mu kiganiro cyubaka bagiranye. Komite yagaragaje kandi ko yishimira ko iri yandikwa risigaye rihera kwa muganga kandi ubukangurambaga bukaba buri gukorwa mu rwego rwo kuzamura umubare w'abana bandikwa mu bitabo by'irangamimerere. Hakurikijwe imyanzuro ya Komite, Leta y'u Rwanda yashyizeho uburyo bwemerera umwe mu babyeyi kwandikisha umwana ntazindi mbogamizi, ibi bikaba bishimwa na Komite. Ariko, Komite igaragaza ko igipimo cy'iyandikwa mu bitabo by'irangamimerere kiri ku rugero ruto aho ubu byerekana ko biri ku gipimo cya 58% kandi ko iyandikwa mu bitabo by'irangamimerere n'ibyemezo by'amavuko bikiri hasi cyane. Komite kandi ifite impungenge z'uko iyandikwa mu bitabo by'irangamimerere ritorohera abantu mu bice bimwe, ndetse n'icyemezo cy'amavuko na cyo ntigihita gitangwa nk'uko biteganywa n'itegeko, kandi abantu bakaba bakora ingendo ndende kugira ngo bagihabwe.

21. Komite kandi irashimangira ko icyemezo cy'amavuko ari ingenzi hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 6 y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira bw'Abana nk'uko bisabwa mu rwego rwo kwemeza ko habaye iyandikisha ry'ivuka. Nk'uko Komite ibiteganya mu gisobanuro rusange cyayo N°2 ku byerekeye ingingo ya 6 y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira bw'Umwana, ibihugu bigomba gukora ku buryo icyemezo cy'amavuko kigomba gutangwa ako kanya nyuma y'iyandikisha kandi ko inyandiko ya mbere yatangirwa ubuntu. Komite irasaba kandi Leta y'u Rwanda kwita ku buryo yakoroshya iyandikishwa ry'abana bavukiye mu

turere twose tw'Igihugu harimo ibice biri kure cyane n'ibyo mu cyaro, bumwe mu buryo bwakoreshwa ni uko hategurwa igikorwa cyo kwandika abana bakivuka ahantu hatandukanye ariko kikagenda cyimurirwa no mu tundi duce. Ikindi kandi, Komite irasaba Leta y'u Rwanda kwegereza abaturage serivisi z'irangamimerere kugira ngo bajye bandikisha abana bahita bahabwa n'ibyemezo by'amavuko ako kanya. Nanone, Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda gukomeza ubukangurambaga bugamije kukugera ku ntego ry'iyandikisha n'itangwa ry'ibyemezo by'amavuko ku bana bose bavukiye ku butaka bwayo.

***Ubwisanzure bw'umwana mu mitekerereze, kubona amakuru akwiye, mu kugaragaza ibitekerezo bye, kugira umutimanama no guhitamo idini.***

22. Uretse kuba hariho amahuriro aho abana bagira uruhare binyujijwe mu babahagarariye mu nteko z'abana na komite z'ayo mahuriro, Komite iremeza ko abana bafite ubwisanzure bw'ibanze. Komite iremeza ko Leta y'u Rwanda ifite amategeko, harimo itegeko ryerekeye kurengera umwana, ashyigikira ko abana bafite ubwisanzure bwo gutanga ibitekerezo ndetse n'ubwisanzure bwo kwishyira hamwe n'abandi. Komite irasaba Leta y'u Rwanda ko nyuma yo gushyiraho amategeko yakora n'ubukangurambaga bw'abaturage ku bwisanzure bw'abana mu rwego rwo kubaha uburenganzira bwabo. Nanone kandi Komite irasaba Leta y'u Rwanda gushyiraho ubundi buryo bufasha abana gutanga ibitekerezo byabo mu mashuri no mu bitangazamakuru. Ku byerekeranye n'uburenganzira bw'abana bwo kubona amakuru, Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda gushyiraho uburyo bunogeye abana, mu rwego rwo kubarengera no kubafasha kubona amakuru abakwiriye. Komite iributsa Leta y'u Rwanda kwita ku mwanzuro yayihaye ku burenganzira ku mibereho bwite y'abana bahohotewe n'abana batanga ubuhamya.

23. Komite irishimira ko Leta y'u Rwanda yashyize mu bikorwa umwanzuro wayo w'ubushize werekeranye n'uburenganzira ababyeyi bari bemerewe bwo guhana abana nk'uko byari biteganijwe mu Gitabo cy'Amategeko Mbonezamubano, cyavanyweho n'Itegeko N°32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga Abantu n'Umuryango. Ikindi kandi, Komite irishimira ishyirwaho ry'Amabwiriza ya Minisitiri w' Uburezi N° 001 yo kuwa 10/05/2017 abuza ibihano bibabaza umubiri. Ariko n'ubwo hari amategeko abuza ibyo bihano, Komite irasanga nyuma y'ibiganiro byubaka bagiranye ibyo bihano bigitangwa cyane. Komite itewe impungenge nuko nta makuru yatanzwe na Leta y'u Rwanda yerekeranye no kubuza ibihano bibabaza umubiri mu nzego zose harimo n'aharererwa abana.

24. Hakurikijwe ibyavuzwe haruguru Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda gufata ingamba zikurikira:

- Gukora ku buryo ibihano bibabaza umubiri bikurwaho burundu ahantu hose harimo ibigo birererwamo abana, ibigo ngororamuco n'ahandi;
- Gutanga amahugurwa ku barimu, ababyeyi n'abapolisi yerekeranye n'uburere buboneye ndetse no gushyiraho ingamba zerekeye uburere buboneye;
- Gukora iperereza no gushyikiriza ubushinjacyaha ibirego bijyanye n' ibihano bibabaza umubiri by'umwihariko mu bigo by'amashuri no mu bindi bigo byakira abana;
- Gushishikariza abayobozi b'inzego z'ibanze n'abayobozi b'amadini n'amatorero gukora ubukangurambaga mu muryango Nyarwanda ku ngaruka mbi z'ibihano bibabaza umubiri no gushyiraho ingamba zo kubikumira no kubihana.

## E. Umuryango w'umwana n'ahandi umwana yakiririrwa

25. Komite yishimiye ishyirwaho ry'Itegeko rigenga Abantu n'Umuryango riteganya uburyo bwiza bwo kurengera umwana; kandi rikanashimangira ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu burere bw'abana; n'ivugururwa rya politiki y'imbonezamikurire y'abana bato yo muri 2016.

***Ububasha n'inshingano za kibyeyi***

26. Komite irashima Leta y'u Rwanda kuba igenera ubufasha imiryango itishoboye, mu rwego rwa gahunda y'icyerekezo 2020, Umurenge VUP; no gukangurira ababyeyi uburere buboneye hakoreshejwe abakorerabushake. Komite irasaba Leta y'u Rwanda kongera ingengo y'imari yo gushyigikira imiryango, kuko bigira uruhare runini mu gukumira itandukana ry'ababyeyi n'abana ndetse bigashimangira imikurire myiza n'iterambere ry'abana. Ubukangurambaga ku babyeyi n'abandi bashobora kurera abana, bukwiriye kubamo ingamba zikwiye gufatwa kugira ngo bahindure umuryango ahantu umwana afite umutekano kandi yizeye; bigakorwa hakemurwa ibibazo by'ihohoterwa mu ngo no kutita ku bana.

***Itandukana ry'abana n'imiryango yabo no kongera guhuzwa***

27. Komite isanga harimo itandukaniro hagati y'abana batandukanye n'imiryango yabo bakakirwa n'abo bafitanye isano n'abakirwa n'indi miryango cyangwa abashyirwa mu bigo. Komite, ariko, ihangayikishijwe no kuba nta mibare ifatika y'abana bakiriwe n'imiryango ifitanye isano na bo, Komite iragaragaza nanone ko ihangayikishijwe nuko abana bakiriwe n'imiryango ya bene wabo bageze mu zabukuru bahura n'ingaruka mu mibereho yabo.

Kubw'ibyo, Komite irasaba Leta y'u Rwanda kwegeranya imibare y'abana bakiriwe na bene wabo no kubaha ubufasha ku babukeneye. Leta y'u Rwanda yagombye by'umwihariko gufasha imiryango iyobowe n'abana.

28. Mu gihe bimenyekanye ko ababyeyi bakiriho, Komite irasaba Leta y'u Rwanda gushyiraho uburyo bwo kubashakisha, gusesengura imibereho yabo no kubahuza hitabwa mbere na mbere ku nyungu z'umwana

29. Ku bijyanye no gushakira abana ahandi bashobora kurererwa, Komite irashimira imbaraga Leta y'u Rwanda yashyizemo mu rwego rwo kubiteza imbere, kuvana abana mu bigo no kongera umubare w'abakozi babitaho. Cyakora, Komite itewe impungenge n'uko nta makuru yerekeranye n'imibereho y'abana bakiriwe mu miryango. Komite irashimangira kandi umwanzuro wayo watanzwe muri raporo iheruka aho uvuga ko abita ku bana bahabwa amahugurwa ndetse bakanongerwa mu rwego rwo gukomeza gahunda yo kuvana abana mu bigo no kunoza uburyo bwo kubarerera mu miryango. Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda kongera ubushobozi no gutera inkunga imiryango yakiriye abana mu buryo bwo kuyishyigikira kuruta uko abana bakomeza kuba mu bigo.

30. Komite irasaba ko ibigo byakira abana bikurikiranwa kandi bikanagenzurwa mu buryo buhoraho, ibyo bikiyongera kuri raporo bigomba gutanga kuri Guverinoma. Uko abana bitabwaho n'ibikoresho bagenerwa mu bigo bibitaho byagombye kuba bimwe kandi bikagenzurwa mu rwego rwo kurengera uburenganzira bw'umwana.

31. Komite itewe impungenge n'uko raporo zimwe zigaragaza ko umubare w'abana bafite ubumuga bakiriwe mu bigo bibitaho ari munini cyane ugereranyije n'imibare mpuzandengo. Komite ikaba isaba Leta y'u Rwanda gukangurira abantu kutavangura abana bafite ubumuga no guteza imbere gahunda yo kubakira mu miryango, igenera ubufasha bw'inyongera ababyeyi bakiriye bakita ku bana bafite ubumuga.

***Kubera umubyeyi umwana utabyaye***

32. Komite yishimira ko Leta y'u Rwanda yakuyeho ihagarikwa ryo kubera umubyeyi umwana utabyaye bikozwe ku rwego mpuzamahanga

(n'umunyamahanga) mu mwaka wa 2017. Komite irasaba Leta y'u Rwanda kubahiriza ibisabwa ku rwego mpuzamahanga byerekeye ishyirwaho ry'amabwiriza agaragaza imyirondoro y'abashaka kubera ababyeyi abana batabyaye, kwemerwa kwabyo n'amabwiriza y'inzego zibishinzwe, igihe cy'igerageza mbere yo kubyemeza burundu, uburenganzira bw'abana batarageza imyaka 12 bwo kubigiramo uruhare hagendewe ku bushobozi bwabo no kugaragaza amafranga bisaba kugira ngo hirindwe icuruzwa ry'abana. Komite ihangayikishijwe n'ibura ry'ihuzwa ry'amakuru ku bijyanye no kubera umubyeyi umwana utabyaye bikorerwa imbere mu Gihugu, ku bw'ibyo rero Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda gushyiraho uburyo bwo guhuza amakuru n'ingamba zo gukurikirana gahunda yo kubera ababyeyi abana batabyaye bikorerwa imbere mu Gihugu yubahirizwa. Komite igakomeza isaba ko amabwiriza yavuzwe haruguru yerekeye ukubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego mpuzamahanga (n'umunyamahanga) yakubahirizwa imbere mu Gihugu.

## F. Ubuzima bw'ibanze n'imibereho

33. Komite irashimira Leta y'u Rwanda ko ikomeje gushyira imbaraga mu kubaka ibigo nderabuzima ndetse n'ibitaro by'ikitegererezo, guhugura abaganga, gutanga ubwishingizi bw'indwara ndetse no gushyiraho abajyanama b'ubuzima benshi. N'ubwo hishimirwa ibyagezweho, Komite ihangayikishijwe n'uko ingano y' ingengo y'imari igenerwa urwego rw'ubuzima yagabanutse mu myaka ishize ugereranyije n'ingengo y'imari y'Igihugu ndetse ko u Rwanda rukigaragara mu bihugu biri hasi cyane ku mugabane mu byerekeranye n'abarwayi umuganga agomba kwakira. Nanone kandi irasanga hagikenewe kongera imbaraga mu itangwa rya serivisi nziza z'ubuvuzi. Ikigeretse kuri ibyo, Komite ihangayikishijwe n'imibare y'abana batwita ikomeje kuzamuka.

34. Komite irasaba Leta y'u Rwanda kongera ingengo y'imari igenerwa urwego rw'ubuzima ndetse ko no mu gihe bibaye ngombwa ko ingengo y'imari igabanywa; urwego rw'ubuzima n'urw'uburezi bidakwiye kuba mu bya mbere byo kugabanywaho. Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda kongera ingengo y'imari mu

bijyanye n'amashami y'ubuganga kugira ngo higishwe abaganga benshi no gushyiraho uburyo butuma baguma mu kazi kabo kandi bakishimiye. Komite irasaba ko ibikorwa bya Guverinoma mu bijyanye n'ubuzima kugira ngo bigere kuri bose, yashyiraho gahunda n'ibikorwa bigamije kuzamura serivisi nziza z'ubuzima zitangwa mu nzego zose. Kubw'ibyo, Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda gushakisha ubufatanye n'inzego z'abikorera mu by'ubuzima ndetse n'abandi bafatanyabikorwa.

35. Komite iragaragaza ko itwita ry'abana ari kimwe mu bitera impfu z'abapfa babyara kandi bikagira n'ingaruka zitandukanye ku mwangavu wabyaye, nko mu myigire, mu bukungu no guhabwa akato mu muryango Nyarwanda. Komite irashimangira ko itwita ry'abangavu ryakumirwa mu gihe begerejwe serivisi z'ubuzima bw'imyororokere. Komite irasaba Leta y'u Rwanda gushishikariza abangavu gukoresha uburyo bwo kuboneza urubyaro harimo n'imiti yifashishwa mu gukumira gutwita ako kanya nyuma y'imibonano mpuzabitsina no kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina harimo n'agakoko gatera Sida. N'ubwo amashuri ari hamwe mu hantu h'ingenzi hakorerwa ubukangurambaga kuri iki kibazo, Komite irasaba ko ubukangurambaga bwareba no hanze y'amashuri ndetse n'abakobwa bari mu kiciro cy'ubukene cyane ko ari bo bari mu kaga iyo bigeze ku itwita ry'abangavu. Ikigeretse kuri ibyo, Komite irasaba Leta y'u Rwanda gufasha abangavu kubona serivisi zo kuboneza urubyaro.

36. Byongeye kandi, Komite irasaba Leta y'u Rwanda gukomeza gukoresha imbaraga zayo mu kurengera uburenganzira n'imibereho by'abana bafite ubumuga. Komite igasaba ko abana bafite ubumuga badahezwa muri serivisi z'ubuzima nko gukingirwa n'inyongeramirire. Serivisi z'ubuzima zikwiye no kugera ku bana bafite ubumuga; ndetse n'abajyanama b'ubuzima bagahugurwa mu gutanga serivisi zinogeye kandi zita ku bibazo by'umwihariko by'abana bafite ubumuga.

## G. Ibikorwa by'uburezi, imyidagaduro n'umuco

37. Komite irishimira Leta y'u Rwanda ko yashyizeho ingamba zitandukanye harimo guhugura abarimu, gahunda yo kugaburira abana ku ishuri, gahunda y'inkongoro y'umwana mu mashuri, gushyiraho icyumba cy'umukobwa mu bigo by'amashuri, aho abakobwa bashobora kubona ibyifashishwa mu gihe cy'imihango n'ibindi bikoresho by'isuku, ndetse no kuba yarakoze inyigo ku bibazo bitera abana guta ishuri no gusibira mu rwego rwo gushyira mu bikorwa imyanzuro ya Komite yari yatanzwe kuri icyo kibazo. Ariko Komite ihangayikishijwe n'uko habayeho igabanuka ry'ingengo y'imari mu rwego rw'uburezi; umubare muto w'abana bandikishwa mu cyiciro cy'amashuri y'incuke uri kuri 13%; umubare muto cyane w'abarangiza amashuri abanza uri kuri 54%; umubare muto w'abandikishwa mu cyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye uri ku gipimo cya 30% na 15% mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye; n'umubare munini w'abanyeshuri ku mwarimu umwe. Ikigeretse kuri ibyo, Komite ihangayikishijwe n'uko ingingo ya 26(4) y'amabwiriza ya Minisitiri w'uburezi N° 001 yo ku wa 10 Gicurasi 2017 ashyiraho imirongo migari ishingirwaho n'ishuri mu gushyiraho amategeko ngengamikorere y'ishuri ry'incuke, iribanza n'iryisumbuye, ry'inyigisho rusange cyangwa ry'imyuga n'ubumenyingiro, iteganya ubusambanyi nk'impamvu yo kwirukanwa mu mashuri. Komite irasaba Leta y'u Rwanda gufata ingamba zikurikira hagamijwe kurushaho kurengera uburenganzira bw'abana bose ku burezi:

a. Kurangiza vuba bishoboka inyigo yiga ku guta ishuri no gusibira no gushingira ku bivuyemo hashyirwaho gahunda y'ibikorwa n'izindi gahunda zafasha gukemura ibibazo bitera guta amashuri no gusibira.

b. Kongera ingengo y'imari igenerwa uburezi bigendanye n'uko ingengo y'imari rusange y'Igihugu yiyongereye hashingiwe ko hakirimo ibibazo bigikeneye gukemurwa.

c. Kubaka amashuri y'incuke ya Leta menshi ndetse no kugenera amashuri y'incuke ya Leta yari asanzwe ahari ingengo y'imari n'abakozi kugira ngo abashe gukora neza.

d. Kongera imbaraga muri gahunda zigamije gutuma abana baguma mu ishuri, harimo nka gahunda yo gutanga ifunguro rya saa sita ku mashuri ikwiye kugezwa ku bigo byinshi; gutanga inkunga y'amafaranga n'ubundi bufasha ku bana bava mu miryango ikennye ndetse no kugabanya amafaranga yakwa umunyeshuri mu rwego rwo gutuma aguma mu ishuri;

e. Gushishikariza abana kujya mu mashuri yisumbuye, hashyirwa imbaraga mu kuyabegereza, hatangwa inkunga y'amafaranga, no gushishikariza ababyeyi kohereza abana babo mu mashuri yisumbuye;

f. Gukomeza guhugura abarimu benshi kugeza igihe umubare w'abanyeshuri umwarimu yigisha uzagabanuka ukagera ku kigero cyemewe ndetse no kubaka ubushobozi bw'abarimu binyuze mu mahugurwa y'imyigishirize hagamijwe kongera ireme ry'uburezi; no

g. Gukura ubusambanyi mu mpamvu zatuma abana birukanwa ku ishuri; ahubwo hagashyirwaho ingamba za ngombwa zerekeranye n'abana bishoye mu busambanyi mu kubagorora no kubagarura mu murongo muzima hatabayeho guta ishuri.

38. Ku bijyanye n'uburezi budaheza, Komite irashimira ko Leta y'u Rwanda yashyizeho ingamba zerekeranye n'uburezi budaheza igashyiraho n'Amabwiriza ya Minisitiri avuga ko amashuri mashya yubatswe agomba kuba yorohereza abana bafite ubumuga kuyisangamo. Bityo, Komite irasaba ko n'amashuri yari asanzwe yavugururwa mu rwego rwo kugira ngo afashe abo bana kuyisangamo hashyirwamo ibikenewe. Byongeye kandi, Komite ikaba isaba ko abarimu bahugurwa ku burezi bwihariye kandi n'amashuri agahabwa ibikoresho bifasha abanyeshuri bafite ubumuga ubwo aribwo bwose kugira ngo ingamba z'uburezi budaheza zigirwe impamo.

39. Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda gukomeza ibikorwa byayo byiza byo gushyira ibibuga mu mashuri n'ahandi, ndetse no kugira siporo n'imyidagaduro umuco mu muryango Nyarwanda. Komite ikomeza ishishikariza Leta y'u Rwanda kugenzura ko mu mashuri n'ibigo by'urubyiruko hari ibikorwa by'ibanze no gukora ku buryo ibibuga by'imikino byakoreshwa n'abana bafite ubumuga.

## H. Ingamba zihariye zo kurinda umwana

***Abana b'impunzi***

40. Komite yishimira ko Leta y'u Rwanda yashyizeho uburyo bwo kwakira impunzi kandi ikanashyiraho gahunda y'uburyo bwo kubafasha. Cyakora, Komite ikomeje guhangayikishwa n'ingero zigaragara z'ibikorwa bikorerwa abana b'impunzi nk'iby'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, kutitabwaho, ndetse no gushakirwaho indonke. Raporo zigaragaza ko abana benshi b'impunzi batiga. Komite kandi ihangayikishijwe n'ubucucike bugaragara mu nkambi, nta n'iby'ibanze nkenerwa bihari cyangwa ibibarinda imvura. Komite yaje gusanga kandi hari umubare munini w'abana bato bakeneye kwitabwaho, nk'abana bato bisanze badafite imiryango ndetse n'imiryango y'impunzi iyobowe n'abana. Komite irasaba Leta y'u Rwanda kunoza imibereho yo mu nkambi no kongera ingengo y'imari itangwa ku biribwa bihabwa abana b'impunzi. Komite igakomeza isaba ko abana bato bisanze badafite imiryango bashakirwa imiryango n'uburyo bwo kubahuza na yo, mu gihe byanze hashakishwe izindi ngamba zo kubitaho. Ubufasha n'amahugurwa bikwiye guhabwa abana bayoboye imiryango ndetse n'abandi batitaweho. Ikiyongera kuri ibyo, abana b'impunzi bagomba kugenerwa uburezi, hagashyirwaho n'uburyo bubafasha kwiyandikisha mu mashuri.

41. Komite irasaba Leta y'u Rwanda kugenzura imico n'imyifatire mu bana b'impunzi mu buryo bubiri: icya mbere abana b'impunzi bari ku butaka bw'u Rwanda bashobora kugaragara mu bikorwa bitera ingaruka mbi ku buzima, bidakorwa mu Rwanda nko gukata imwe mu myanya ndangagitsina ku gitsina gore ndetse no gushyingirwa bakiri abana, kandi bikaba ari ingirakamaro kubibarinda; icya

kabiri, ibyo bikorwa bishobora gukwirakwizwa mu Banyarwanda igihe bidakumiriwe hakiri kare muri gahunda yashyizweho na Guverinoma yo gufasha impunzi kwisanga mu gihugu. Bityo rero, Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda gucukumbura no kugaragaza ibyo bikorwa bishobora gutera ingaruka mbi ku buzima bikorwa n'impunzi ndetse no guteganya uburyo bwo kubikemura muri gahunda yayo yo gufasha impunzi.

***Abana bashorwa mu bikorwa by'intambara***

42. Mu myanzuro yayo iheruka, Komite yagaragaje ikibazo cy'abana b'Abanyarwanda bashowe mu ntambara mu gihugu cy'abaturanyi cya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo. Ku ruhande rumwe, Leta y'u Rwanda yagaragaje ko idafite amakuru kuri iki kibazo, ku rundi ruhande, itanga amakuru ku mibare y'abana bacyuwe bavuye muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo bahoze ari abarwanyi. Komite ikaba isaba ikomeje Leta y'u Rwanda gukora inyigo kuri icyo kibazo harebwa impande zikunze kugirwaho ingaruka, ndetse n'impamvu abana bakomeza gushorwa mu mitwe yitwara gisirikare yo mu bihugu by'abaturanyi, ndetse n'umubare w'abana binjijwemo. Komite irasaba Leta y'u Rwanda kongera imbaraga mu gucunga umutekano wo ku mipaka ndetse n'ubundi buryo bwo kwirinda kugira ngo hatagira umwana n'umwe wongera gushorwa muri ibyo bikorwa. Komite kandi irasaba Leta y'u Rwanda gukomeza igikorwa cyo gucyura no gusubiza mu buzima busanzwe abana bari barashowe mu mitwe yitwara gisirikare ku bufatanye n'ibihugu by'abaturanyi, gukora ku buryo ababigizemo uruhare bakurikiranwa bakanahanwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko mpanabyaha ku bijyanye no gushora abana mu ntambara. Komite irasaba Leta y'u Rwanda gushyiraho ingamba zifatika zo kurandura burundu ishorwa ry'abana mu ntambara mu gukurikirana imibereho y'abana bacyuwe bagasubizwa mu buzima busanzwe.

## *Abana bakoze ibyaha*

43. Komite irashimira Leta y'u Rwanda ko yabashije gushyira mu bikorwa imyanzuro yayihaye mu buryo bunoze ndetse no gushyiraho ingereko z'inkiko zihariye ziburanisha abana bakoze ibyaha ku rwego rw'inkiko zisumbuye aho abacamanza babihuguriwe bashinzwe izo manza. Raporo za Leta y'u Rwanda kandi zigaragaza ko hari ibigo ngororamuco by'abana baba bakoze ibyaha. Nubwo ibi byishimirwa, Komite igaragaza ko ihangayikishijwe n'uko abana bakomeje guhabwa ibihano byo gufungwa ndetse bagashyirwa hamwe n'abakuru mu bigo binyurwamo igihe gito (ngororamuco) nk'icya Gikondo. Ikigeretse kuri ibyo, zimwe muri Raporo zigaragaza ko hari ingero z'abana bafungwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko. Hari kandi amakuru agaragaza ko ibigo ngororamuco bifungirwamo abana bidafite ibyangombwa bihagije.

44. Komite irasaba Leta y'u Rwanda kwita ku nshingano yayo iteganywa mu ngingo ya 17 y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana by'umwihariko:

    a. Gukomeza guhugura abacamanza b' ingereko z'inkiko z'abana, kubamenyesha uburenganzira bw'umwihariko bw'abana baba bagomba kuburanisha harimo kubagenera ibindi bihano bisimbura ibifungo;

    b. Gukora ku buryo abana badafatwa ngo bafungwe ku buryo bunyuranyije n'amategeko kandi hanahugurwa abapolisi hanafatwa ingamba zikumira ifungwa rinyuranyije n'amategeko.

    c. Kubaka ibigo ngororamuco byihariye by'abana mu rwego rwo kugira ngo badafunganwa n'abantu bakuru ndetse kugeza igihe ibyo bigo bizubakirwa, kuba hateganyijwe ibice byihariye bifungirwamo abana kugira ngo babatandukanye n'abakuru.

    d. Gufasha abana bakoze ibyaha, kwigishwa, guhabwa amahugurwa ku bijyanye n'imyuga ndetse no kubasubiza mu buzima busanzwe.

e. Gukora ku buryo abana bafunze nta hohoterwa ryo ku mubiri bakorerwa ndetse bakitabwaho mu buryo bukwiye kandi bububahisha; bahabwa iby'ibanze nkenerwa ariko bitari ukubagenera gusa ifunguro rikwiye, ibikoresho by'isuku, uburezi ndetse na serivisi z'ubuzima.

***Abana bafunganywe n'ababyeyi babo cyangwa ababarera***

45. Komite igaragaza ko Leta y'u Rwanda ifite gahunda mbonezamikurire ku bana bari munsi y'imyaka 3 bafunganywe na ba nyina, kandi ko nyuma y'imyaka 3 abana bashyikirizwa umubyeyi bafitanye isano cyangwa bagashyirwa mu wundi muryango. Raporo ya Leta y'u Rwanda igaragaza ko abana bafunganywe na ba nyina bahabwa serivisi z'ubuzima, bandikishwa mu bitabo by'irangamimerere ndetse n'izindi serivisi z'ibanze. Ariko, Komite ishingiye ku zindi raporo zagiye zitangwa harimo n'iya UNICEF, zigaragaza ko abana bafunganywe na ba Nyina mu magereza imibereho yabo itanogeye abana. Bityo, Komite ikaba isaba Leta y'u Rwanda ko yashyiraho amabwiriza n'imirongo ngenderwaho yerekeranye n'uburyo bwo gutanga ibindi bihano bitari igifungo ku bagore ndetse n'abandi bashobora kuba barera abana. Ariko kandi Komite igakomeza isaba Leta y'u Rwanda ko hashingiwe ku cyaha cyakozwe, mu gihe gutanga ikindi gihano kitari igifungo bidashoboka; hateganywa ibigo mbonezamikurire bimeze neza kandi bifite ibikoresho nkenerwa kuri abo babyeyi cyangwa se n'abandi babarera. Abana b'ababyeyi bafunze bashyirwa muri ibyo bigo mbonezamikurire bagomba kugenerwa ifunguro ryuzuye rya buri munsi, inyongeramirire, inkingo, kwandikishwa mu bitabo by'irangamimerere, kimwe no kugira uburenganzira bwo kwidagadura no gukina. Kandi Komite irakomeza gushimangira ko abana b'ababyeyi bafunzwe ari abere kandi ko bagomba kurindwa ivangura iryo ari ryo ryose, hatitawe ku byo ababyeyi babo bakoze. Iyo nshingano yo kurengera abana ireba Leta y'u Rwanda kandi abo bana ntibagomba kubaho mu buryo bwagira ingaruka mbi ku mubiri no mu mitekerereze yabo. Akaba ari muri urwo rwego Komite isaba Leta y'u Rwanda kudafunga abana hashingiwe ku byaha by'ababyeyi babo.

### *Imirimo mibi ikoreshwa abana*

46. Komite yishimira ishyirwaho ry'amabwiriza ya Minisititri N° 01/2017 yo ku wa 17/11/2017 yerekeranye no gukumira no kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana, haba mu mirimo yanditse n'itanditse kandi ateganya ibihano ku bakoresha abana bari munsi y'imyaka yo gutangira akazi ndetse no ku mirimo itemerewe abana. Komite ishingiye kuri Raporo yakozwe na UNICEF mu 2016 yerekeranye n'imibereho y'abana ku Isi hose, yerekana ko 29% muri bo bakoreshwa imirimo mibi; ndetse n' umubare w'abagenzuzi b'umurimo utajyanye n'imirimo ihari; ndetse igakomeza igaragaza ko imibare y'abashoye abana mu mirimo mibi bakabasha kugezwa imbere y'ubutabera bakabihanirwa ikiri hasi. Komite irasaba Leta y'u Rwanda kongera umubare w'abagenzuzi b' umurimo ndetse ikanabategurira amahugurwa ku bijyanye no kugenzura imirimo mibi ikoreshwa abana mu mirimo yose; ikagaragaza umuhate mu gukurikirana no guhana ababigizemo uruhare; guteganya uburyo bwo gufasha abana bakuwe mu mirimo mibi gusubizwa mu buzima busazwe no gushyira imbaraga muri gahunda zayo z'imibereho myiza mu rwego rwo gukumira imirimo mibi ikoreshwa abana.

### *Icuruzwa n'ishimutwa ry'abana*

47. Mu myanzuro yayo iheruka, Komite yari yagaragaje ko Leta y'u Rwanda yarinda abana bajyanwa muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, Tanzania, Uganda n'ibindi bihugu, mu bikorwa byo gucuruza abana bashorwa mu mibonano mpuzabitsina n'imirimo y'agahato. Komite yagaragaje kandi ko imbere mu gihugu haberamo icuruzwa ry'abana bashorwa mu mirimo mibi no gushakira inyungu ku bana binyuze mu kubashora mu mibonano mpuzabitsina. N'ubwo Komite yishimira ishyirwaho ry'amategeko n'izindi ngamba zafashwe, harimo gukurikirana mu butabera ababigizemo uruhare, irakomeza ishishikariza Leta y'u Rwanda gushyira imbaraga mu kugaragaza ahashobora kuba hakorerwa icyo cyaha, haba imbere cyangwa hanze y'igihugu no gushyiraho amategeko agenga urujya n'uruza rw'abantu, hongerwa imbaraga mu mutekano wo ku mipaka no muri gahunda zo kubikumira harimo iz'imibereho myiza hagamijwe kurengera abatishoboye. Komite

irasaba Leta y'u Rwanda kugirana ubufatanye ndengamipaka n'ibihugu by'abaturanyi mu gukumira, mu kugaragaza abahohotewe, kubafasha kugaruka mu gihugu, gushakisha imiryango yabo no kubahuza na yo. Byongeye, Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda gukomeza gukurikirana ababigizemo uruhare ndetse no gukora ku buryo abana basanzwe mu bikorwa by'uburaya cyangwa mu bindi biturutse ku gucuruzwa, bakitabwaho by'umwihariko nk'abahohotewe ndetse bakagenerwa n'ubufasha bubasubiza mu buzima busanzwe.

***Ihohoterwa no gushakira inyungu ku mibonano mpuzabitsina ikoreshejwe abana***

48. Komite ihangayikishijwe n'uko ihohoterwa no gushakira inyungu ku mibonano mpuzabitsina ikoreshejwe abana, haba abahungu cyangwa abakobwa, rikomeje kwiyongera mu Rwanda. Komite ikomeza igaragaza ko abana bahohoterwa n'abo bafitanye isano cyangwa abo baziranye. Komite ikomeza igaragaza ko akenshi gutanga amakuru kuri iryo hohoterwa bikiri hasi bitewe n'ubwoba n'isoni. Ubwiyongere bw'ibikorwa bijyanye no gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina ikoreshejwe abana byatumye habaho ukwiyongera kw'inda ziterwa abangavu. Byongeye, raporo zigaragaza ko abarenga 80% by'abana b'Abanyarwanda bahohotewe mu bijyanye n'imibonano mpuzabitsina bacikirije amashuri.

49. Komite yishimira ko Leta y'u Rwanda yatangije ubukangurambaga bugamije kurandura ihohoterwa rikorerwa abana ndetse ikaba yaranakoze inyigo ku miterere y'iri hohoterwa. Komite yagaragaje imbaraga Leta y'u Rwanda yashyize mu gukurikirana no guhana abakoze icyaha. Komite irasaba Leta y'u Rwanda gukomeza gushyira imbaraga muri za Isange "One Stop Centers" mu rwego rwo gufasha abana kumva batekanye bakabasha no gutanga amakuru ku byaha. Mu rwego rwo gushishikariza abandi harimo n'amashuri kugira umuco wo gutanga amakuru ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina, Komite irasaba ko hakwiye kubaho ubundi buryo bufasha gutanga amakuru ku bahohotewe. Hakwiye kuba ubukangurambaga bugenewe abaturage muri rusange n'abayobozi

b'inzego z'ibanze hagamijwe kurwanya no gutanga amakuru yerekeranye n'abakoze ihohotera rishingiye ku gitsina. Byongeyeye, Komite irashishikariza Leta y'u Rwanda kurushaho kongera imbaraga zayo mu rwego rwo gukurikirana, guhana no guca intege ibyo byaha by'ihohoterwa. Komite irakomeza ishishikariza Leta y'u Rwanda gutanga imiti iboneza urubyaro mu buryo bwihuse, serivisi z'ubuvuzi,ubujyanama,guhugura abahohotewe n'abashakiweho inyungu mu mibonano mpuzabitsina.

***Abana bo ku muhanda***

50. Komite igaragaza ko hari ubwiyongere bw'abana bo ku muhanda cyane cyane mu nce z'imijyi nka Kigali. Komite irasaba Leta y'u Rwanda gukora inyigo kuri iki kibazo, mu rwego kugaragaza impamvu zigitera n'uburyo bwo kugikumira. Komite irashishikariza kandi Leta y'u Rwanda gukura abo bana ku mihanda, kubahuza n'ababyeyi babo cyangwa kubashakira imiryango ibakira, kubategurira amahugurwa ndetse no kubafasha gusubira mu buzima busanze no kwisanga mu muryango Nyarwanda.

***Ibikorwa bitera ingaruka mbi ku mubiri***

51. Komite ishimishijwe n'uko ishyingirwa ry'abana riri ku kigero cyo hasi cyane ndetse n'ikatwa rya bimwe mu bice ndangagitsina by'abagore bitari mu muco Nyarwanda. Komite ikaba ishishikariza Leta y'u Rwanda kuba maso no gukumira ko habaho ishyingirwa ry'abana n'umuco wo gukata bimwe mu bice by'imyanya ndangagitsina y'abagore biturutse ku rujya n'uruza rw abantu bambukiranya imipaka. Komite igakomeza isaba ko Leta y'u Rwanda guhana ibikorwa byerekeranye no gukata imwe mu myanya ndangagitsina y'abagore no kugirana ubufatanye mu bihugu by'ibituranyi mu kubikumira.

## I. Inshingano z'umwana

52. Komite irishimira ko Leta y'u Rwanda yagaragaje inshingano z'umwana mu bijyanye n'uruhare rwe ku bimukorerwa n'uburere buboneye. Komite igakomeza ishishikariza Leta y'u Rwanda kwigisha

abana ibijyanye n'inshingano zabo no kububakira ubushobozi kugira ngo babashe kubahiriza ibyo basabwa mu mashuri ndetse binyujijwe no mu bindi. Ibyo bigakorwa abana berekwa inshingano bafite mu muryango, ku gihugu, ibidukikije ndetse no kubagenera umwanya mu bikorwa bijyanye n'imyaka yabo nko gukora isuku aho batuye, gufasha abakuru n'ibindi n'ibindi.

## J. Umwanzuro

53. Komite Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho myiza by'Umwana irishimira ingamba zafashwe na Leta y'u Rwanda mu bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Nyafurika y'Abana ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ry' imyanzuro yari yahawe nyuma y'itangwa rya Raporo ngarukagihe ya mbere. Komite yizeye ko iyi myanzuro na yo izashyirwa mu bikorwa ndetse ikaba imenyesha ko izakora isuzuma/igenzura rigamije kureba aho igeze ishyirwa mu bikorwa mu gihe cya vuba. Komite ikaba igira ngo isabe Leta y'u Rwanda kuzatanga Raporo yayo ngarukagihe ya gatatu muri Nzeli 2022 nk'uko biteganywa mu ngingo ya 43 y'Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana.

54. Komite Nyafurika y'Impuguke ku Burenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana ifashe aka kanya yongera gushimira Guverinoma ya Repubulika y'u Rwanda ku ruhare rudasanzwe ikomeje kugaragaza mu kurinda no kurengera umwana.